



LIDA Stories

lidastories.net

Kubyara

LIDA Norge

Sara Dorteia Johannesen

Abisange Iragena Sandrine



This work is licensed under a Creative Commons Attribution 4.0 International License.
<https://creativecommons.org/licenses/by/4.0>

Kubyara



LIDA Norge

Sara Dorteia Johannesen

Abisange Iragena Sandrine

4


Ikinyarwanda



Selamawit afite imyaka 29. Umwana we wa mbere yamubariye muri Eritrea. We n'umuryango we bahagiriye ibihe bitoroshye, bituma biyemeza kujya mu Butaliyani.



Inga yavuye iwabo ari hafi kuzuza imyaka 19. Yagiye muri Noruveje ahayarira umwana we wa mbera.



Ababyeyi bombi babaye abana bameze neza. Selamawit yarongeye abyara umuhungu, na ho Inga abyara umukobwa. Abagabo babo bumvise batewe ishema n'ubutwari bw'abagore babo ndetse no kuba abana bameze neza, maze bakajya babibwira buri wese baziranye.



Ubwo Selamawit yasamaga inda y'umwana wa kabiri, yibazaga uko bizaba bimeze kubyarira mu kindi gihugu.



Inga na muganga bemeranyije ko agomba kujya ajya kureba umubyaza kuri gahunga ihoraho, akazamukurikirana kugeza abyaye. Umubyaza yamugiriye inama ku byerekeye indyoyuzuye no kuruhuka, ndetse amuha n'amakuru ajyanye n'uko yakomeza kurinda ubuzima bwe n'ubw'umwana we.

Selamawit na Inga bakomoka ahantu hatandukanaye. Selamawit yumvaga adahangayitse kubera ko atari ubwa mbere yari agiye kubyara. Inga yaganirije Mama we ibiyanye no kubyara.



Ubwu umuturanyi wa Inga yumvaga ko ashaka gusama, yambwiyeye ko agomba kwihutira kwa muganga akimara kumenya ko yasamye. Ibyo bikazatuma amenya neza ko we n'umwana bameze neza. Muganga yamusabye gufata aside folike, vitamine y'ingenzi ku bagore batwite.





Aba bagore bombi bari barumvise ko mu bihugu byinshi by'Uburayi, abagore batwite baba bafite uburenganzira kuri gahunda zo gukurikirana umubyeyi utwite. Bisobanuye ko bazitabwaho igihe bazaba batwite. Selamawit akimara kumenya ko yasamyeye, yahise afata gahunda yo kubonana na muganga. Umugabo we yamutwaye mu modoka baja kwa Muganga.



Muganga yamufashe ibizamini maze asanga Selamawit afite ubwoko bwa diyabete bugirwa na bamwe mu bagore batwite. Asabwa kurya indyo yuzuye ndetse agakora siporo. Selamawit yashimishijwe no kuba yaragiye kwa muganga hakiri kare, mbere y'uko we n'umwana we barwara.